

Inyigisho ya P. Dominiko Ngendahayo Tumaini, sac, mu misa ya kabiri ya Noheri 2020

Bakristu bavandimwe nongeye kubifuriza Noheri nziza! N'uwabifuriza umwaka mushya muhire ntabwo yaba yibesheye cyane rwose: Mugire umwaka mushya mihire na Noheri nziza.

Bakristu bavandimwe hari ibibazo byinshi nakomeje kwibaza muri uku kwizihiza Noheri.

Iri vuka ry'Umwami wacu Yezu Kristu uje atugana kandi wifufa gutura mu mitima yacu:

Ese bakristu bavandimwe, iyi noheri twayiha ikihe gisobanuro? Murebe namwe ukuntu isi iriguca mu bihe bikomeye. Murebe ukuntu umuntu arigukomeza gukwira imishwaro, murebe ukuntu indwara zidasanzwe zikomeje kwibasira abantu, murebe ukuntu dukomeje gusenga bu buryo butangaje.

Ese ni ikihe gisobanuro wowe nanje twaha uyu munsi utagira uko usa w'ivuka rya Nyagasani? Ese ni gute witeguye kumwakira no kumutuza mu mutima wawe muri ibi bihe bidasanzwe? Ese ni gute uzawandika mu mateka yawe? Dore twizihije noheri muri ibi bihe bidasanzwe ni gute umwakiriye mu buryo budasanzwe?

Bakristu bavandimwe, uyu munsi amasomo matagatifu araduhishurira igisubizo: Uwo twari dutegereje kuva cyera ni Emmanuel, Imana turi kumwe. Mu bibazo byose, mu byishimo byose Imana ntiyigera ihindura igisobanuro: Emmanuel ntiyigeze ahinduka. Uwo mwana uvutse ntiyigeze ahinduka. Ni Imana turi kumwe mu buzima bwacu bwa buri munsi.

Mu isomo rya I, twabyumvise neza, "*Matongo ya Yeruzalemu, nimuhanike murangurure icyarimwe amajwi.*" (Izayi 52,9)

Bakristu bavandimwe, hari ibihe bikomeye iri somo rya I rishaka kutwibutsa, abana b'Imana banyuzemo. Mu mwaka wa 539, Ubwoko bw'Imana bwajyanywe bunyago, bujyanwa i Babiloni bawkira imishwaro, bibagirwa ko n'Imana ibaho, barababara cyane, ingoro yabo ya Yeruzalemu irasenywa, maze batangira kwibaza ibibazo n'uyu munsi twakwibaza: Ese Imana yacu iracyatwibuka? Ese Imana twategereje kuva cyera tukaba twizihiza Noheri dufite udupfukamunwa iracyatwibuka? Ese Imana yacu twategereje kuva cyera cyane uyu mwaka ukaba ari umwaka udasanzwe aho bantu bapfa buri munsi, isegonda ku rindi mu buryo butangaje ese iracyatwibuka? Ariko uyu munsi Imana yonje ye kutwibutsa ko **aho tuzaba turi hose izadushakisha. Twaba turi mu bibazo, twaba turi mu buhungiro, twaba twarayibagiwe, yo izahora idushakisha maze idusenderezeho urukundo rwayo.**

Ngiyo noheri twizihije uyu munsi, aratwibutsa ko imitima yacu agomba kuyituramo byanga byakunda. Kristu yezu akuzwe! Uyu mwana uvutse aratwibutsa ko mu bihe byose, umuntu aho ari hose, mu byo arimo byose agomba gutura mu mutima we, agomba kuvukira mu mutima we, agomba gusangira natwe ingoma y'ijuru, agomba tukugaragariza ko ikibi cyose aho kiva kikagera, kidafite ijambo rya nyuma ku buzima bwacu.

Twapfuka iminwa, ariko imitima yacu Yezu Krist, uyu wavutse, aje kuyituramo, kandi ngo ineza n'urukundo by'Imana bikomoka ku mutima. Umutima wacu rero nituwagure, maze duhe umwanya uwo Mwami w'Abami, uje kuvukira mu mitima yacu. Ikibi ntigifate umwanya wa mbere mu mitima yacu.

Ukwiheba ntigufata umwanya wa mbere mu mitima yacu, ubwoba ntibufata umwanya wa mbere mu mitima yacu. Mureke icyicaro cy'ubo mwana waje atuzaniye amahoro, ature aho agomba gutura ubuzira herezo. Noheri yacu tuyihe n'igisobanuro muri ibi bihe bikomeye. Twoye guha icyaho sekibi, twoye kugira ubwoba twoye guteshuka ku isengesho, twoye kwibagirwa impuhwe, twoye kwibagirwa gusenga, twoye kwibagirwa gutuza Yezu Kristu mu mitima yacu, mu bihe bikomeye nk'ibi ngibi.

Duhabwa ubupadiri, ejo bundi mu kwezi kwa munani, hari uwavuze ijambo rikomeye, ati :" *Ese aba Bapadiri babuhawe bapfutse umunwa, bazatugeza kuki?*" Nanje ndababajije, Ese aba bakristu baje kumva misa ya Noheri bapfutse umunwa, bazamarira iki Nyagasani? Ariko Musenyeri Celestin yarahagurutse maze mu gisubizo cyiza cyane cyuzuye ubuhanga, aradusubiza agira ati: " *Niba iminwa yanyu impfutse, imitima yanyu yuzuye urukundo, yuzuye ubuhamya, yuzuya icyicaro cy'lmana.*" Muzagaragaze urukundo maze abazababona bazamenye ko mwahuye n'lmana.

Nanje uyu munsi abari bubabone mupfutse iminwa babone ko imitima yanyu yakiriye uyu watuvukiye uyu munsi. Maze ibikorwa byanyu bya buri munsi, mugaragaze ko koko mwakiriye Imana ishobora byose mu mitima yanyu mu buzima bwanyu bwose. Mu bikorwa byanyu byose, no mu byiringiro byanyu byose, mugaragaze ko koko mwatuje Imana mu mitima yanyu. Naho **iminwa yo izahora ipfutse ariko imitima yanyu tuzayituzemo Imana ubuziraherezo.**

Nidukomere rero tweguha icyaho sekibi. Emmanuel, Imana turi kumwe. Twaba mu bibazo bimeze gute, twaba mu ndwara zimeze gute, Imana turi kumwe. Nta gihe na kimwe ikibi kizagira ijambo rya nyuma ku buzima bwacu.

Isomo rya II twaryumvise neza, Mwana uwo niwe buranga n'ikuzo ry'lmana. Bakristu bavandimwe, ibantu byose bibaho, tubishakire igisobanuro nyacyo, muri uyu mwana watuvukiye uyu munsi. Niwe ufite ukuri, niwe ufite ubugingo, niwe utanga icyizere, niwe utanga imbaraga zo kunyura mu bibazo byose n'ubwenge budashobora kubonera igisubizo. Nimureke tumukunde, niwe ibantu byose bikesha kubaho, niwe Jambo wigize umuntu, abana natwe nk'uko twabyumvise mu ivanjiri y'uju munsi

Bakristu bavandimwe, ni ikihe gisobanuro uyu munsi uri buhe uyu munsi mukuru ukomeye wa Noheri ? Yohani Batisita nk'uko twabyumvise mu ivanjiri y'uju munsi, kuri we Yezu Kristu si umwana w'lmana gusa, kuri we Yezu Kristu si Umukiza gusa, kuri we Yezu Kristu si Umucunguzi gusa , ahubwo Yezu Kristu ni Jambo wigize umuntu aza guturana natwe, akaba ari nawe utwerekwa urumuri nyarwo. Yezu Kristu niwe Rumuri rutuyobora, maze rukatwereka urumuri nyarwo koko, Urumuri isi idashobora gutanga, urumuri, isi ya none n'ibiyirimo bidashobora kutwereka. Uwavutse uyu munsi , Yezu Kristu, we wenylene ufite ubumana muri we, akagira urukundo rutavangiye, niwe utugendereye uyu munsi. Niwe wifuje kutuvukira mu mitima yacu, kugira ngo natwe tube urumuri rugaragaza urumuri rw'ijuru mu bandi mu buzima bwacu bwa buri munsi.

Hari abavandimwe bahaye Musenyeri impano ishushanyije. Bamuhaye ishusho ishushanyijeho amashitani7 n'abamalayiki 2. Ayo mashitani 7 yari afite ikiziriko, akururira abamalayikia mu muriro. Igitangaje nuko abo bamalayika babiri bahangaye ibyo bidayimoni birindwi, bakatwereka ko abadayimoni bagenda rwose baneshwa nabo bamalayika 2. Maze inyuma y'icyo gishushanyo bandikaho

bagira bati:" *Ikibi ntigifite ijambo rya nyuma ku buzima bwacu.*" N'ubwo bwose ikiba kigaragara ko gishaka gutsinda ariko ntigifite ijambo rya nyuma ku buzima bwacu.

Bakristu bavandimwe, iyi noheri nituyihe igisobanuro gikomeza ubukristu bwacu, gikomeza ibikorwa byacu bya buri munsi. Nitube urumuri rugaragaza Imana mu bantu. Nitube urumuri rugaragaza ko koko Yezu kristu yatuye mitima yacu tugatura mu mutima we. Ubu harimo benshi bababaye, nimugire iyi **noheri igihe cya "surprises" zidasanzwe.** Nimugire iyi Noheri igihe cy'ibyishimo bidasanzwe bisangiwe n'abandi. Harimo benshi batakibasha kugenda, abaheze mu ngo zabo, nimureke iyi noheri itubere surprise yo kubasanga, nituvugishe telefoni zacu za momo zacu, dusanga abadafite ubushobozi. Nitubakorere ka surprise, dusangire nabo ibi byishimo byo kwakira Yezu Kristu mu mitima yacu. Biduhe igisobanuro gikomeye cya Yezu Kristu twakiriye muri iki gihe gikomeye maze tube natwe urumuri nk'uko twabyumvise mu ivanjiri, tugaragaze koko ko twakiriye Yezu Kristu ature muri twe, duture muri we ubuzira herezo.

Nyagasani Yezu nabane namwe!